# Uyu Munsi, Ibi Byanditswe Birasohoye

Phoenix, Arizona, USA

65-01-25

1 Urakoze, mwene Data Demos, mwene Data Shakarian, cyangwa se Demos Shakarian na mwene Data Carl Williams nabo muri kumwe, mwese. Nyakuri ndabona ko uyu mwene Data, w'umuhinzi, yasobanuye ibyo nashakaga kuvuga ku mugoroba w'uyu munsi, yavuze amagambo nashakaga kuvuga. Nakunze kandi nizera cyane kirya giterane rusange kuruta ibiterane byose nagiyemo. Nari ntarigera mbona gahunda nkiriya mu biterane, ibiterane byaranzwe n'ubusabane n'urukundo ruzima rwa bene Data. ikindi nakoze, n'uko nahuye n'izindi ntumwa z'ijuru ndazisuhuza turaganira.

2 Umugoroba umwe nari ndimo kumva mwene Data w'umubatista wicaye hariya. Izina rye ndaryibagiwe —— -Irvin. Yanzaniye ikarita yari ivuye i…..ndibwira ko hari nyirasenge wicaye hano k'umugoroba w'uyu munsi ubitse ikarita y'amasengesho hashize imyaka isaga makumyabiri.

Yazanywe mu iteraniro yenda gupfa yishwe n'indwara umuganga yashoboraga gusobanura iyo ariyo. ni indwara yasaga n'ibibembe, ariko sibyo. Ya….hari ukubagwa... Mu kubaga bari guca igisa n'akagozi, ahagana haruguru, yari guhita acika intege akamera nk'imboga kuko yari kuba aho ntacyo ashoboye gukora. Mu gihe yari akiri aho agitegereje, bishoboka ko ikarita ye itahamagawe mu zigomba gusengerwa bituma atabasha guhagarara ku murongo w'abasengerwa. Umwuka Wera amunyoboraho none turi kumwe nawe ku mugoroba w'uyu munsi. Ari hano kuri uyu mugoroba ameze neza, kandi biratunejeje.

3 Mushobora guhaguruka, ihema rya….(ngiri. zamura ikiganza. Zamura ikiganza. Iteraniro rikoma mu mashyi.)

Imana iguhe umugisha mushiki wanjye, kubwo kwizera kwawe gukomeye mu mwana w'Imana. Akurindire mu buzima buzira umuze kugeza ubwo azaza kukujyana imuhira, ubwo uyu mubiri upfa uzambara kudapfa. ndashimiye kuko yabashije kubika aka gakarita k'amasengesho iyi myaka yose, hanyuma bakaba bakanzaniye hano no kukanyereka ku mugoroba w'uyu munsi. Murazi, njye navugako ari nk'umugati ureremba hejuru y'amazi, uza ugusanga, iyo ukoreye umuntu ineza irakugarukira.

4 Nagiriwe amahirwe yo guhura n'abandi bavugabutumwa benshi, kandi nanejejwe n'ubusabane bwabo bwa bene Data kandi nezezwa n'uko bashyira hamwe. Mwene Data Carl yatangaje ko nzagaruka umwaka utaha, nituzaba tukiri kuri iyi si Imana n'ibishaka. Kandi ndizera kuzongera kubonana na buri wese muri mwe umwaka utaha, kandi buri wese ajye azana n'umuntu umwe.

Noneho hari ikintu kimwe nifuza kuvugaho, n'ikintu gito nashakaga kuvugaho mu gihe gito gusa.

Hanyuma y'ibyo, Dogiteri Reed araza kuvuga, nageze hano kumugoroba, nkoze mayilo 250 (ibirometero Magana ane -U.I.) kuva iyo naturutse kugera hano, urwo rugendo rwose narukoze kugira ngo nze kumva mwene Data Reed. Hari icyakozwe ubushize ariko… Dogiteri Reed, noneho nzakora mayilo 1000 ibirometero (ijana na cumi na bitandatu) n'imodoka ngiye kumwumva. hari icyabaye… Kuva aho ngereye aha maze gukora ibirometero nk'ibyo nje kumva nk'ibyo numvise ubushize. N'ibintu bidasanzwe n'ibintu inyama n'amaraso bidashobora guhishura. Birasaba Umwuka Wera kugira ngo abihishure. Kureba umuntu wanteye umwete mu buzima kandi nzahora mbimushimira imibereho yanjye yose.

Icyo nashakaga kuvuga, ni niba bishoboka ko mbagwa nahamagara muganga ngo ngwino vuba Dogiteri Reed. Nshobora gushyira ibyiringiro byanjye mu muntu ugiye kumbaga niba ngomba kubagwa, nkabagwa n'ibiganza by'umuntu wizera Imana uwo niwe muntu nshaka ko amvura. Ndizera ko ntabagwa. Niba bimbayeho nakwifuza ko aba ariwe unkorera uwo murimo cyangwa se undi umeze nkawe niba uwo atabonetse.

5 Hari ibyambayeho ejo nimugoroba nako ejo nyuma ya saa sita ni ikintu cyantangaje cyane, ndavuga make kuko ntifuza gutwara igihe cya mwene Data, kuko aza kuvuga ariko ndatekereza ko ari ikintu cyo gushimira ubukozi bwanjye.

Nitondera utuntu duto cyane. Buri kantu kaba gafite icyo gasobanuye kuri njye. Sinizerako hari ikintu kibaho gishobora gutungura umukristo. Ahubwo ntekereza ko kiba kiri mu nteguro z'Imana, kuko Yesu yavuze ngo byose biza kubw'inyungu y'abamukunda. Kubwibyo nizerako buri kantu gato kose kabonetse muri ubu bukozi bwanjye buciye bugufi yampaye ngo bubafashe kandi bufashe buri wese hagati muri mwe. namwe ubwanyu muramfasha kandi twese turafashanya kugira ngo tugere mu bwiza. Noneho buri kantu gato kose kaba gafite icyo gasobanuye kuri njye. Ariko kuri njye birakomeye kubyizera aho ejo nimugoroba byari bingoye kubona inzira yo kugera hano imbere yanyu. Ndababwira ko ntigeze mbangamirwa mu mibereho yanjye noneho n'umugore wanjye yampaye Bibiriya nshya ya Noheri.

6 Iyo nari nsanganywe mu byukuri yari imaze gusaza. Nyimaranye imyaka makumyabiri nari nayihawe n'abantu b'i Houtson Gospel Tabernacle, hashize imyaka ubwo natangiraga ibiterane. Ndayikunda cyane… impapuro zayo n'imirongo yayo byambutse inyanja n'ahandi kuburyo ubu itangiye gucika no gushanyuka impapuro zivamo. Iyo mbuze ipaji imwe mu gitabo cy'itangiriro binsaba kujya mu gutegeka kwa kabiri kugira ngo nyibone mbese muzi aho nabishyize muri Bibiriya. Noneho yanguriye Bibiriya ya Noheri. Ariko

birangora kugenda ndafite niyi ishaje ku ruhande nyakuri byarangoye. Naravuze ngo: nindamuka ngiye mbere y'uko Yesu agaruka muzayinshyire hejuru. Manukane nayo nkazanazukana nayo ubwo tuzongera kubonana. Ariko ibyo n'ibyo njye nibwira ku giti cyanjye.

7 Ni nk'iyi nkuru nakundaga kuvuga. Nizere ko atari ikizira. Ariko mperutse i… umunsi umwe nari mu giterane i New York ndi kumwe na mwene Data Earl Prickett, mpura n'umuntu arambwira ati: "nk'abavugabutumwa, mukora iki kuri aba bantu bakora ubucuruzi bwo mu kirere butagira aho bubarizwa?"

Ndavuga nti: "ndi umuntu ukora ubucuruzi bwo mukirere budafite aho bubarizwa."

Aravuga ngo:"ukorera mu ruhe rwego?"

Ndavuga ngo: "Ubwishingizi" aho yahise atekereza ko mvuze amasosiyeti y'ubwishingizi, murabona? Narimvuze gusa "ubwishingizi."

Aravuga ngo: "ni ubuhe bwoko bw'ubwishingizi mucuruza?"

Ndavuga ngo: "Ubugingo buhoraho." Buhoraho! Ndavuga ngo: "simbugurisha. Nanjye ndi uwishinganye nkaba nkangurira abandi kugana ubwo bwishingizi."

8 Nibutse umwana w'umuhungu twigeze kujyana kw'ishuri, yari afite ubwishingizi ubwishingizi ni bwiza ariko njye ntabwo mfite. N'uko aza iwange arambwira ati: "Billy,ndashaka ku kugurishaho ubwishingizi." Aravuga ngo: "nzi mwene so." Njye mwenedata niwe uhagarariye Meteroporiya. Aravuga ngo:

"na—nashakaga kukugurishaho ubwishingizi." Ndavuga nti: "Oh! Wilmer, urakoze"

Namwe …wenda yaba ari hano ku mugoroba w'uyu munsi, mwene se, yandika inkuru mu cyumba cyo hejuru. Igitabo cyitwa icyumba cyo hejuru. Noneho a… ndavuga ngo: "mfite ubwishingizi" aravuga ngo: "iki?"

Umugore wanjye yahise andeba nk'aho ndi indyarya. A…ndavuga ngo:… noneho aravuga ngo: "Billy?"

Ndavuga ngo: "yego, yego—yego mfite ubwishingizi."

Noneho aravuga ngo: "oh, bi—birababaje" aravugango: "nari numvise uvuga ko ntabwishingizi ufite"

Ndavuga ngo: "Oya, mfite ubwishingizi."

Noneho ajya yanyumva asobanukirwa ibyo navugaga. Aravuga ati: "n'iki wavugaga?"

—ndavuga ngo "ubwishingizi"

Noneho aravuga ngo: "ubwo se urashaka kuvuga iki?"

Ndavuga ngo: "ubwishingizi buhawe umugisha, Yesu ni uwanjye; oh! Mbega umusogongero w'ubwiza bwo mu ijuru! Ndi umuragwa w'agakiza gaturuka ku Mana, nabyawe mu Mwuka We nozwa n'amaraso Ye."

Yavuze ati: "billy, uzi ko ibyo mbishima, ni ikintu cyiza", ariko yongeraho ati: "Mwana wanjye, ntizagusohora mu mva." Ibyo sibyo bizakubika kw'irimbi, ino."

Ndavuga ngo: "Ariko bizansohora mw'iryo rimbi nta bwoba mfite…" [Mwene Data Branham n'iteraniro baraseka -U.I.] ntacyo bimbwiye kwinjira yo kuko nzasohokayo, murabona. Ndatekereza ko aricyo cyifuzo cyacu.

9 Ejo nimugoroba ubwo nafataga iyi Bibiliya sinabasha kubona uyu murongo. Noneho nkoresha iyi Bibiriya nshya. Nari maze gusoma ishaje noneho mfata n'inshya mu maboko nza hano nihuta. Mfata hahandi nari nasomye, ndatekereza: oh! umenya ari muri Yohana 16:21 ariko siho honyine.

Mbwira mwene Data Moore nti : "ese aho hantu niho?" —Yego.

Ndongera ndareba nsanga atariho. Noneho ndibwira nti: "zifite ipaji iri mu mwanya utari uwayo."

Noneho mwene Data araza, mwene Data Stanley, araza umushumba. Sinzi icyo yashatse kuvuga ariko cyaranyubatse cyane. Yaranyegereye aza iruhande rwanjye aravuga ati: "Humura mwene Data wenda hari icyo Imana ishobora gukora." Murabona?

Iryo jambo ryanyongereye imbaraga numvise arivuga...

Ndibaza niba yaramenye ko yahanuye, ariko muvugisha, atarahaguruka hano, nzi neza ko yabikoze.

10 Sinibaza niba nawe yarabonye ko yahanuraga. Twari twabiganiriyeho mbere gato yuko nzamuka hano ku gicaniro, njye ndahamya neza ko aribyo.

Noneho, nabwirije ubutumwa bwanjye kubijyanye n'ibise byo kubyara, ndetse n'ibindi…mu buryo bwanjye gakondo bwo kubwiriza natanze urugero ku marebe, uburyo avuka n'uburyo agondora hanyuma akazamuka ashakisha urumuri rw'izuba; ikime n'ibindi. Hanyuma mvuga ku masaziro yayo aho igomba gupfa no kongera kuvuka igasohoka. Ibyo nagerageje kubyereka itorero.

Kimwe neza n'umuganga, iyo agiye kuvura umurwayi. Uyu munsi dufite abaganga bavuga bati: "ushobora gukuba agatsinsino kawe ugakira uburwayi bwa kanseri ufite mu maso" murabona? Ariko dogiteri mwiza ntakurikiza ibyo. Avura umurwayi abanje kureba mu gitabo cy'ubushakashatsi mu buvuzi.

Ni muri ubwo buryo ngerageza kuvuramo umurwayi. Iyo mbonye itorero rirwaye, simbabwira na gato ko bakwiye guhabwa akaboko ngaragaza ko mbashyigikiye cyangwa ikindi nk'icyo, nka gahunda nshya. Ngomba kurivura nkurikije igitabo nzi, murareba? Noneho iyo mbonye itorero risa n'iritangiye kwandura iseru, mpita nkora orudonansi nyayo ikwiriye iseru kugirango nyikize nyirandure mu itorero; niko mbigenza iyo mbona icyaha cyinjiyemo.

11 Nagerageje gukora ikigereranyo kuri Yakobo na Esawu, nkurikirana iyo nkuru uko ibihe byagiye bihita. Si ndibubyinjiremo. Ariko ngarutse ku gice cya nyuma cyangwa ku murongo wa nyuma nanditse mu gihe nakoraga iryo gereranya ntanyuranije n'ibyanditswe. Yesu yavuze ko ariko bizamera, yavuze ko ariko itorero rizamera mu minsi ya nyuma ko rizaba "Lawudikiya, itorero rikize, impumyi, ryambaye ubusa, umutindi wo kubabarirwa" bisa neza neza nko mugihe cy'isodoma. Kandi tuzi neza ko ari ukuri. Murebye neza amateka, hari aho yavuze bwa mbere ku bijyanye no mu gihe cya Nowa hanyuma aza kuvuga no ku by'iSodoma. Uko ni ko byagiye bigenda bisa ibihe byose.

Akenshi na kenshi amateka yisubiramo, amateka yisubiramo, niko bimeze mu masezerano ya ya Bibiriya. urugero nko muri Matayo 3, aho byanditswe go: "nahamagaye umwana wanjye hanze ya Egiputa. Niba mushaka kumenya aho biherereye, yavugaga ku mwana we Yakobo yari yarahamagaye hanze ya Egiputa; yari umwana we muto. Umwana we mukuru ariwe Yesu nawe yamuhamagaye hanze ya Egiputa. Aho harimo igisubizo cy'uburyo bubiri.

12 Bitewe nuko babivuzeho Kenshi, nahise nzana ibitekerezo byanjye kuri byo, maze ndasohoka…manuka kuri esikariye ngera ku ruhimbi ndangije ndasohoka. Mu gihe Abana banjye batahaga bajya imuhira bageze ahantu hamwe bagura umugati wa Sanduwici, ubwo njye ndinjira, umugore wanjye arambwira ngo: Billy, numvaga ntameze neza kuburyo nari nabuze uko nagira. Arakomeza aravuga ngo: "ninjye wakugeneye iyi Bibiliya."

Ndavuga ngo: "mukundwa, umenye ko atari wowe wayanditse kandi si nawe wahuje impapuro zayo"

Aravuga ngo: "ntakindi uretse gutekereza gusa ko naguhaye Bibiliya ifite inenge"

Ndavuga ngo: "eh! Wenda Bishoboka ko atari imwe gusa."

Hari umwana wayifashe akuramo amwe mu mapaji. Wagiraga ngo afite ukuri, nayitegereje hepfo mbona ipaji ebyiri zifatanye, murabona? Igice cya 16 cyo kibereye muri uru ruhande naho igice kigikurikira kiri mu rundi ruhande. Ibikurikira igice cya 16 nibyo byaje muri uru ruhande. Naho igice cya 17 gitangirira…. Uru rupapuro Bibiriya rworohereye, rwafatanijwe mu gihe nasomaga ku gice cyarwo cya 17 aho gusoma igice cya 16.

13 Noneho ndatekereza nti: "O! Mana, kuki wakoze ibi? Kuki wemeye ko ibyo bibaho?" ninjye wabigenzuraga murareba? Kuko ntanakimwe kitugeraho kubwo gutomboza. natekerezaga ukuntu mwene Data w'umupadiri wicaye hano yankomezaga ambwira ngo: "humura' wenda hari icyo Imana ishobora gukora" nibindi nkibyo nanjye nkomeza kwibaza nti: "ese birashoboka?"

Noneho mugihe nari nicaye aho, ngubwa gitumo nkuko inkuba ikubita iva mu ijuru, wenda ibi kuri mwe ntacyo bivuze ariko kuri njyewe bifite icyo bivuze ndetse gikomeye, murareba?

14 Ndibuka muri Luka igice cya 4 ko Yesu yinjiye mu isinagogi i nazareti aho yari yararerewe nkuko yari asanzwe abigenza yinjira mu rusengero ku munsi w'isabato. Igihe yinjiraga turabona ko umutambyi yahise amuha umuzingo w'igitabo, Bibiliya. Yesu arambura by'umwihariko mu byanditswe agera muri Yesaya igice cya 61 maze arahasoma. Amaze kuhasoma asubiza igitabo uwari uyoboye amateraniro. Noneho, mugihe yahindukiraga abona abantu bose bamuhanze amaso. Maze aravuga ngo:

"uyu munsi ibi byanditswe birasohoye."

Twese tuzi ko ibyo byanditswe yasomye bidasanzwe kuko yafashe gusa umurongo wa 1 n'uwa 2 wo muri Yesaya 61 noneho arasoma kugera ahanditswe ngo: "umwuka w'umwami Imana ari kuri njye kugira ngo nze kubohora abarushye, gukiza abarwayi, guhumura impumyi no gutangaza umwaka w'ubuntu" ageze aho arahagarara. Icyari gikurikiyeho ni urubanza ruzaba mu gihe azaba aje bwa kabiri, Atari mu gihe cyo kuza kwe kwa mbere. N'uko ageze aho arahagarara maze arahindukira aravuga ngo: "uyu munsi ibi byanditswe birasohoye." Yabibabwiriye aho yeruye!

15 Mbega amagambo yabwiwe abigisha bari aho, n'abandi bantu, n'abari aho ubwo yari amaze kuyatangaza imbere yabo! Agira ati: "uyu munsi ibi byanditswe birasohoye". N'uko yari aho, Mesiya ariko bo ntibabyizeraga. Yari aho uwasizwe muri icyo gihe. Buri bukozi bwe uhereye akivuka bwagaragaje ko yari icyo yagombaga kuba cyo ariko bo ntibashoboraga kubyizera. Mbega imvugo! Ariko yabashije kuvuga ngo uyu munsi…

Iyo hakiza kuba umuntu akabafungura amaso gato, bari gusobanukirwa neza igihe cyabo bakamenya ko bari mugihe cya Mesiya kuko yari yamaze kugera hagati muri bo ari gukora icyo ibyanditswe n'abahanuzi bamuvuzeho. Yari aho asohoza neza ibyahanuwe n'Imana ko azaza. Ni gute batabibonaga? Nyamara bari bakwiye kubyizera bakimara kubona ibikorwa by'ubukozi bwe. Murareba Messiya. Bakagombye kubimenya kuko yari amaze kuvuga ngo: "ibyanditswe birasohoye".

16 Ndatekereza kuri uyu munsi. Ibaze nawe uko byari bimeze Padiri amaze gutanga ijambo. Ijambo rimaze gusomwa risubizwa Umutambyi. Umurongo wanjye wanyuma w'ibyanditswe nari mfite ni ibyo muri Luka 17:30, aho Yesu yigaragaza muri ibi bihe byacu turimo," igisekuruza cya Laodikiya, gikize" nyamara cyaraboreye muri Politiki, Politiki y'amadini na Politiki y'igihugu, nyakuri cyaraboze bishoboka. hanyuma aravuga ngo: nkuko byari bimeze mu gihe cya Loti ni nako bizamera mu gihe cyo kugaruka ko mu bihe by'imperuka. Murebe neza uko yavuze: "mu minsi umwana w'umuntu azahishurirwaho."

Murareba, "mu minsi umwana w'umuntu azahishurirwaho!" ndashaka ko mubyitaho.

Murareba, yaje mu mazina atatu. Yaje nk'Umwana w'umuntu, n'ukuvuga Umuhanuzi. Kandi niko yabigenje yagaragaje ubukozi bwe aba Umuhanuzi. Twese ibyo turabizi. Buri wese muri twe arabizi. Nta na rimwe yigeze avuga ko we ari Umwana w'Imana ahubwo yavuze ko we ari Umwana w'umuntu. None uyu munsi ni Umwana w'Imana bivuga ko yaje, none uyu munsi ari muburyo bw'Umwuka Wera. Umuntu utagaragara nyamara ni Imana, Umwana w'Imana. Mu gihe cy'ikiruhuko cy'imyaka igihumbi ubwo azaba yicaye ku ntebe ya Se, aho azitwa Umwana wa Dawidi. Yarabanje yihishura nk'Umwana w'Umuntu, Umuhanuzi muri iki gisekuruza; mu gihe cyose cy'ibihe birindwi by'itorero; Umwana w'umuntu… cyangwa Umwana w'Imana; mu kindi gisekuruza, mwene Dawidi. Umwana mu buryo butatu.

17 Mwitegereze hano yaravuze ati, ku iherezo ry'igisekuruza cy'itorero hazabaho kwangirika akazongera kwigaragaza nk'umwana w'umuntu; "igihe umwana w'umuntu yihishuye". Mbega uko ejo byari byivanze! Ariko ndatekereza ko bitazongera kubacika.

Twagize guhishurirwa k'Umwana w'Imana, ariko isezerano rya nyuma Aburahamu yabonye mbere y'uko ahabwa Umwana w'umuhungu, ryatumye bibaho, ahabwa uwo yasezeranijwe; yari yarizeye isezerano mbere y'uko umwana w'isezerano aza. Imana yigaragaje i Sodoma nk'umuhanuzi, nk'umuntu, Imana yigaragaje mu mubiri. Elohim nk'uko n'umvise umuntu abivuga mu kanya gashize. Ubumana bwose bwari muri we mu buryo bw'umubiri. Yari ukuzura k'ubumana. Elohim ni ukuzura k'ubumana kuri mu mubili w'umuntu. Aho turabona neza igihe Loti yabonaga… igihe Aburahamu yamubonye yaravuze ati: "mwami wanjye." Bari batatu. Naho i Sodoma Loti we yabonye babiri aravuga ngo: "bami banjye" abura guhishurirwa. Murebe uko byagenze agezeyo n'uko yimenyekanishije.

18 Ese sinshobora kugira nti: iyo nkiza kugira amakenga murabona! Mwene Data yahanuye mugihe yambwiraga ibyo yavugaga! Uyu munsi ni murebe ibyo yakoze nyuma yo gusoma ibi byanditswe. "mu minsi Umwana w'umuntu", si umuntu cyangwa ikiremwa muntu, "Umwana w'umuntu azihishura mu bwoko bwe". Uyu munsi iri sezerano ry'iyi saha rirasohoye imbere y'amaso yacu. Yahise ahindukira ako kanya areba iteraniro, hamwe n'icumi cyangwa cumi na babiri umubare uko waba ungana kose w'abari mu rusengero n'abandi batazwi, yakoze neza neza nk'ibyo yakoze ubwo yari i Sodoma. Uyu munsi ibi byanditswe byagaragarijwe kandi bihamirizwa imbere yanyu.

None mwene Data, mushiki wanjye, mushyitsi nawe mubwirizabutumwa, icyo twaba turi cyo cyose, abana b'Imana mumenye ko twegereje kuza kwe. Noneho iyo turebye ibyo yasezeranije mu byanditswe mbere gato y'uko umuriro ugwira i Sodoma no kuyitwika kandi akaba abigereranya no muri iyi minsi aho tubona ko ibyanditswe biri gusohora mu maso yacu; nikangahe tubona ko ibyanditswe biri gusohora? Nkuko yabigenje kwa Aburahamu atanga urugero mu itorero kandi ariwe wari isezerano ry'itorero! Noneho turabona imbuto gakondo ya Aburahamu uburyo bakosheje. Ariko urubyaro rw'Ubwami rwa Aburahamu rurimo kugaragazwa binyuriye mu kwizera Ijambo ry'isezerano, rurimo kugaragarizwa mw'isi uyu munsi. Turi mu bihe bya nyuma mwene Data mushiki wanjye, turi mu minsi y'imperuka.

19 Nta rundi rugero dufite. Ngomba gutanga urugero mu byanditswe, kuko ndafite ubumenyi buhagije bwo kumenya kuvuga neza. Ndatanga urugero. Ariko iyo nitegereje igicucu… niba ntarabona ikiganza nkabona igicucu, nzahita menya ko burya mfite intoki eshanu. Uko niko mugomba kubona ingero z'ibyanditswe mu isezerano rya kera. Ese bimeze bite? Ni igicucu cy'ibi. Yesu nawe yavuze ko Sodoma ari igicucu cyo mu bihe bya nyuma. Ibyanditswe ubwabyo byasejeranijwe Sodoma, ibyanditswe byasohoreye i Sodoma nibyo Yesu yavuze ko bizongera gusohora muri iyi minsi byahishuwe imbere yacu ku mugaragaro uyu munsi.

Imana ibahe umugisha. Ntibibacike. Nintababona hano umwaka utaha; ubwo bazagendera mu mihanda y'izahabu, niringiye kuzahurirayo namwe Imana ibahe umugisha. [hari ahantu hatafashwe neza kuri bande – U.I.]

20 ...nkuko ibyanditswe bivuga, turabona urugero n'ikimenyetso cya nyuma cyigaragaza imbere yacu. Amagambo ya Yesu avuga neza ko ariko biri nk'uko byari bimeze i Sodoma, none turabona ariko isi imeze, turabona intore itorero uko riri, turabona intore zahamagariwe gusohoka mu madini yose, ubugingo buri aho; burasohoka noneho kugirango bufate ishusho y'imbuto. Turasenze Dawe uri mwijuru ngo tubyuke vuba.

Nk'uko mwene Data amaze kubivuga nonaha, yabonye imbere ye mu gihe yari ahumirije, abantu benshi bahita imbere ye. O Mana, turumva hari benshi batarakorwaho dufashe Mana nkundwa. Tuve hano muri iki giterane dufite iyo mburo mu mitima yacu, tumenye neza ko uyu munsi ibi byanditswe bisohoye. Mw'Izina rya Yesu Kristo. Amen.

21 [Mwene Data Demos Shakarian aravuga, atanga icyifuzo cy'amasengesho]

Intera ntacyo ivuze imbere y'Imana. Yo ibera hose icyarimwe nicyo gituma ari Imana. Hari Ibintu bikomeye nzi byagiye bisohora muri ubu bukozi bwanjye buciye bugufi. Hari uwahamagaye kuri Telefoni hakorwa ibitangaza n'ibikomeye. Dufatanye dusabire abo bantu barwaye.

22 Mukundwa Mana yo mw'ijuru, tubazanye imbere yawe mu isengesho. Tuzi ko ku mugoroba hari intumwa yaboshywe iri muri Gereza yagombaga gucibwa igihanga ejo bundi. Aho munzu ya Yohani—Mariko, bagize ibihe by'amasengesho; aho muri Gereza imbere noneho, hamanuka ya nkingi y'umuriro yaherekezaga abana ba Isirayeri cyangwa se abana ba Isirayeri bakurikiraga mu butayu yinjiramo bitewe n'icyo giterane cy'amasengesho ikingura buri rugi rwose isohoramo intumwa ngo ibohoke igire umudendezo ivuge ubutumwa bwiza.

Dusobanukiwe neza ko abo bavugabutumwa, abo bamisiyoneri baboshywe nonaha, bari no muri koma. Mwami uri wawundi ejo, none, n'iteka ryose ntuhinduka. Umva gusenga kwacu ku mugoroba w'uyu munsi, O Mana. Waravuze uti: "nimusaba mwizere ko icyo mwasabye mwamaze kugihabwa. Mwami, turizeye, kandi turasabye ngo mu izina rya Yesu Kristo ubakize, Mwami, ku bw'ubwiza bwawe. Ibyo bisohore nk'uko tubisabye. Amen.

23 [bande irarangiye]

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7